# IGITABO CY' IKIBATSI KITENYEGEZWA

## MUTAGATIFU YOZEFU



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

27 MATA 2023

COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.

## Ingingo zigize igitabo cy'IKIBATSI KITENYEGEZWA

**MUTAGATIFU YOZEFU : IGITABO CY'IKIBATSI KITENYEGEZWA** ....................................................2

**INTANGIRIRO** ........................................................2

**1. IJAMBO IKIBATSI NI IKI MU BUZIMA BWA MWENE MUNTU ?** ................................................10

**2. IMBARAGA Z'IKIBATSI KITENYEGEZWA MU GUSOHOZA UBUTUMWA** ......................................16

**3. IMPAMVU Y'IKIBATSI KITENYEGEZWA MU ISI** 23

**4. UMUMARO W'IKIBATSI KITENYEGEZWA** .......33

**UMWANZURO** .......................................................43

## MUTAGATIFU YOZEFU : IGITABO CY'IKIBATSI KITENYEGEZWA

**Tariki 27 Mata 2023**

## INTANGIRIRO

Ikibatsi kitenyegezwa ni imbaraga z'Imana isumba byose kandi Imana yaremye ibiboneka n'ibitaboneka kuko yaremeye Mwene Muntu muri icyo kibatsi cy'imbaraga kandi muri icyo kibatsi cy'urukundo rwayo mu rumuri rw'agatangaza rutuye muri Uhoraho Imana kandi rubeshejeho byose mu Isi byaremwe n'Uhoraho kuko nta na kimwe kitaganje mu kibatsi kitenyegezwa cy'Uhoraho, ikibatsi cy'ubuzima kandi ikibatsi gitunga Mwene Muntu mu mubiri we ndetse na roho ye kuko Muntu abeshejweho n'urumuri rw'Imana kandi Mwene Muntu akaba abeshejweho n'urumuri rukomoka mu mutima w'Imana Data kandi umuriro w'urukundo ugurumanira mu buzima bwa Mwene Muntu kuko Muntu agizwe n'imbaraga zose zikomoka mu misusire y'Imana kandi mu bubengerane bw'Imana isumba byose. Ntawe rero uriho atabeshejweho n'imbaraga zituruka mu kibatsi kitenyegezwa cy'Uhoraho kandi nta n'umwe uhumeka umwuka udaturutse muri izo mbaraga z'ubwo bubasha bw'icyo kibatsi kuko Mwene Muntu ariho akomora imbaraga kandi Mwene Muntu akaba ari ho akomora ubuzima bwe kuko nta wuriho atabeshejweho n'icyibatsi cy'Uhoraho kuko Imana ari urumuri kandi Uhoraho akaba ari ikibatsi kigurumana kandi ikibatsi kibeshaho bose.

Ikibatsi rero kitenyegezwa cy'Uhoraho gitanga ubuzima kuri roho kandi gitanga ubuzima ku mubiri wa Mwene Muntu kuko imirasire y'urwo rumuri ari yo ifasha Mwene Muntu

kumurikirwa kandi umubiri we ugahora iteka wiyumvamo imbaraga kandi umubiri we ugahora iteka wiyumvamo ububasha Muntu adashobora kumenya aho buturuka kandi imbaraga adashobora kumenya aho zikomoka ariko inkomoko yazo zose ni muri icyo kibatsi kitenyegezwa cya DATA gikomokamo ububasha bukomeye kandi kikaba isoko y’ubuhanga n’ubumenyi kuri Mwene Muntu kuko Uhoraho ari ho atungira Mwene Muntu kandi akaba ari ho amukuriza akamurerera muri icyo kibatsi cy’urwo rukundo kandi mu kibatsi cy’ubuziranenge bw’Uhoraho bityo Muntu akaza mu isi agakomeza kumanurirwaho izo mbaraga kandi agakomeza gutungwa n’iyo mirasire y’icyo kibatsi.

Ni ikibatsi rero gihatse byose kandi ni ikibatsi gihetse imbaraga zose zibeshaho Mwene Muntu kandi kikaba inkomoko y’imbaraga n’ingabire Muntu atunga kandi ahabwa muri Uhoraho kuko zose zikomoka mu kibatsi kibeshaho kandi mu kibatsi kitazima kidashobora kuzimizwa n’umuntu kandi kidashobora kuzimywa n’umwanzi.

Ni ikibatsi rero gihoraho mu Mana kandi kigahoraho ku wiringira Imana kandi ku yemera koko akemera ko Imana ari umushoborabyose kandi ko Uhoraho ari hejuru ya byose icyo kibatsi kiyongera mu buzima bwe kandi kikarushaho kugurumana nk’umuriro ugurumana kandi kikarushaho kwaka mu buryo bw’agatangaza kuko kibaho mu muntu kandi kikamumurikira bityo umubiri we wose kandi na roho ye yose ikaba urumuri ku mbaraga z’Imana kandi ku bubasha bukomoka muri icyo kibatsi kitenyegezwa kandi ikibatsi kidatsindwa na mba.

Niyo mpamvu rero abiringiye Uhoraho kandi bemeye kuvoma ku isoko y'ikibatsi kitenyegezwa baronka imbaraga nyinshi kandi bakaronka ububasha budatsindwa n'abana b'Isi kandi ububasha budatsindwa n'Isi kuko Uhoraho aba yararangije kwiyambika Muntu kandi akaba aba yararangije kwihuza na Mwene Muntu mu buryo bwose busendereye maze Muntu akabeshwaho n'urwo rukundo kuko ikibatsi kitenyegezwa kigenda kigabanyirizwa ububasha bitewe n'aho Mwene Muntu akandagiye kandi bitewe n'aho Mwene Muntu ashyize amaso ye ndetse n'ubutunzi bwe bityo akagenda akigabanya kandi kikaka we ntabimenye kuko Uhoraho adashobora kumara urwo rumuri kuri Mwene Muntu kuko ari rwo ruba ruri bumutunge kandi ruba ruri bumubesheho.

Igihe rero icyo kibatsi Mwene Muntu acyitayeho kuko ari ikibatsi gitunga Mwene Muntu kikagaburira roho n'umubiri bya Muntu bityo agahora iteka muri izo mbaraga kandi agahora iteka muri ubwo bubasha bukomeye bw'icyo kibatsi kigahora kimwuzuza imbaraga kandi kigahora kimufasha kubaho no gusabana n'Ijuru uko bikwiriye. Ni ikibatsi rero gitanga imbaraga kandi ni ikibatsi gitanga ububasha bukomeye mu buzima bwa Muntu kandi mu mibereho ye ya buri munsi kuko ari ho nk'Ijuru duhera twubaka ubuzima bukomeye kandi tukagaba amashami mu ngabire tuba twifuza kugabira Mwene Muntu kandi Uhoraho aba ashaka kugabira Mwene Muntu kuko bihera kuri icyo kibatsi kitenyegezwa kiri mu muntu bityo kigashamika andi mashami kandi kigashamika ubundi buzima bugomba gutunga Mwene Muntu kandi bugomba kwaguka ku

mpamvu y’Uhoraho kandi ku mpamvu y’urukundo rwe aba yifuza ko rugera mu Isi hose kandi rugahindura byose mu Isi.

Ni ikibatsi rero kidatsindwa kandi ni ikibatsi kidashobora guhagarikwa kuko Uhoraho ari we ugicunga kandi akaba Uhoraho ari we umenya uko akigenera Mwene Muntu ndetse urugero amuhaho izo mbaraga z’icyo kibatsi n’uburyo acyambika Muntu kuko byose biri mu bubasha bwe kandi byose bikaba mu mbaraga ze zitagereranywa.

Ni ikibatsi rero cy’imbaraga kandi ni ikibatsi cy’ubuhanga n’ubumenyi bw’Imana muri byose kuko ari isoko ngari y’ububasha bw’Imana kandi ikaba isoko ngari y’urukundo Imana ikunda Mwene Muntu kandi urukundo yaremesheje Muntu bityo rwose rukagaragarira muri icyo kibatsi mu guha Muntu ubuzima kandi mu kumubeshaho igihe cyose n’ubwo umwanzi atabura kwitambika kandi atabura gushaka guhindanya ibikorwa by’Uhoraho ndetse no kwanduza imbaraga z’urukundo rwe mu bantu ariko Uhoraho ahora iteka arwanira Muntu kandi yenyegeza icyo kibatsi akigurumanisha muri Mwene Muntu kuko ari we ukiyobora kandi akakigenga mu rukundo rwe bityo akakigengamo Mwene Muntu uko abishaka kandi uko abyifuza akamenya uko amuha kubaho ndetse n’uko amuha kwiririrwa no kuramuka. Byose rero bituruka mu bubasha bw’Imana kandi bigaturuka mu rukundo rwayo kuko ari ho icyo kibatsi gikomoka mu rukundo rw’Imana Data mu mutima wayo wuje ibyiza kandi Umutima utagira inenge w’Imana Data kuko ari ho imbaraga zose z’icyo kibatsi zituruka kandi imbaraga zose akaba ari ho zikomoka ziyambika

Mwene Muntu kandi zikabeshaho Mwene Muntu amanywa n'ijoro.

Ni ikibatsi rero cy'imbaraga kandi ni ikibatsi cy'ububasha ni ikibatsi gitanga imbaraga mu gutsinda kandi kigatanga imbaraga zo kurandura ikibi cyose cy'umwanzi binyuze muri cyo kuko ari ishingiro ry'ubuzima kuri Mwene Muntu kandi kikaba ishingiro ry'imbaraga za Mwene Muntu mu buzima bwe bwa buri munsi mu gusabana n'Ijuru kandi mu kuyoboka Ijuru uko bikwiriye kandi Ijuru ribyifuza. Ni ikibatsi rero gitanga ubuzima kandi ni ikibatsi gihindura byose kikubaka imbaraga zikomeye mu buzima bwa Mwene Muntu.

Ikibatsi rero kitenyegezwa ni igihe cyo kugira ngo gikomeze gusakara mu bantu kandi Mwene Muntu arusheho no gusobanukirwa imbaraga zacyo kuko kigiye kugaragara mu buryo butangaje bityo ububasha bw'Imana bukongerwa mu bantu kandi bukagaragara mu bantu mu buryo bw'umugaragaro kikaka nk'izuba kandi urwo rumuri rugatangaza ku manywa y'ihangu kandi rugatangaza mu mibereho ya Mwene Muntu kuko Uhoraho ari we ugenga byse kandi akaba ari we wahanze byose bityo byose akabiyobora mu rukundo rwe kandi akabitegekera mu rukundo rwe.

Ni igihe rero cyo kugira ngo imbaraga ze zose kandi isoko y'ibyiza byose yaremeye Mwene Muntu ayigaragaze kandi ayitangaze ku mugaragaro kuko ububasha bwe butihishira kandi igeno yageneye Mwene Muntu akaba Uhoraho atarigugumiriza ahubwo arimugenera kandi akarimuha bityo Muntu akinanirwa cyangwa akakira.

Ni igihe rero cyo kugira ngo buri wese uri mu Isi yakire imbaraga z'ububasha bwa DATA kandi yakire igeno Uhoraho yageneye buri wese kuko ari igihe cyo kwakira kandi akaba ari igihe cyo kwigaragaza kw'Imana isumba byose yo yatsinze byose kandi igahangara byose mu bubasha bwayo kuko idahangarwa; niyo mpamvu rero ikibatsi cyayo kitenyegezwa kandi Mwene Muntu adashobora kugisingira no kukigeraho kuko ari ishingiro rya byose kandi kikaba ishingiro ry'imibereho ya Muntu mu Isi.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Uhoraho agaragaze imibereho yifuriza Mwene Muntu kandi imbaraga z'urukundo yahangiye Mwene Muntu kugira ngo zigaragaze zimenyekane mu Isi kandi zihindure byose zivugurure byose mu bubasha bw'Imana isumba byose yo itegeka kandi ikubaka imbaraga zikomeye kuri Mwene Muntu kandi ikamugenera igikwiriye. Ni igihe rero cy'izo mbaraga z'ikibatsi kitenyegezwa kigomba kugaragarira Isi yose kandi kikigaragaza mu buzima bwa Mwene Muntu mu buryo butangaje.

Ni ikibatsi rero cy'imbaraga kandi ikibatsi cy'ububasha budakumirwa kandi ububasha butavogerwa kuko Uhoraho ari we wubaka izo mbaraga muri Mwene Muntu kandi agashyiramo imisusire ye muri Mwene Muntu bityo akagengwa nayo kandi akayoborwa nayo muri byose maze ububasha bw'Imana bukigaragariza Isi yose kandi bukagaragarira Mwene Muntu mu buryo bw'agatangaza.

Ni imbaraga rero zidakumirwa kandi ni imbaraga zidahangarwa zigomba kugaragarira Isi yose kandi zigomba kugaragarizwa

Mwene Muntu kugira ngo yumve urukundo rw'uwamuhanze kandi yumve urukundo rw'Imana isumba byose ibihe byose kandi mu buzima bwa Mwene Muntu.

Uhoraho rero ni we ntangiriro ya byose kandi akaba n'ishingiro rya byose kuri Mwene Muntu akaba ari yo mpamvu imbaraga ze zitagamburuzwa kandi imbaraga ze zidatsindwa ari igihe cyo kugira ngo yereke Mwene Muntu urukundo rwe kandi amugaragarize uburyo yamukunze kandi akamuhanga amukunze biturutse mu misusire y'Uhoraho kandi mu rukundo rwe atigera ahisha Mwene Muntu kandi yafunguriye buri wese kugira ngo amenye izo mbaraga kandi yumve ububasha bw'urukundo rwe mu kwemera gutanga Yezu Kristu kugira ngo abe koko urumuri nyarumuri rugaragaza urukundo rw'Uhoraho Imana muri byose kandi mu Isi yose.

Ni ikibatsi rero cy'imbaraga kandi kizahindura byose kigamije gusubiza Mwene Muntu ku isoko y'urukundo rw'Imana kandi ku isoko y'umuremyi kugira ngo Muntu avome imbaraga kandi avome ububasha bukomoka mu Mana Data ubumenyi n'ubuhanga buyikomokaho kugira ngo bubesheho Mwene Muntu kandi buvugurure byose muri Mwene Muntu bushyireho imbaraga z'urukundo ku mutima kandi mu buzima bwa Mwene Muntu ibihe byose.

Ni ikibatsi rero cy'ubuhanga n'ubumenyi kandi ni ikibatsi cy'imbaraga zishingiyeho ubumenyi bwose Mwene Muntu akomora muri Uhoraho kandi ubuhanga bwose akomora muri Uhoraho kuko ari ikibatsi kibeshaho kandi ikibatsi gihora iteka gifite ubuzima busendereye kandi ubuzima bwuzuye kuko

ukiganjemo by'umwihariko kandi agatura mu rukundo rw'Imana ahorana ubuzima butazima ahubwo ubuzima iteka bwiyubaka mu rukundo rw'Imana kandi ubuzima bwiyubaka mu mibereho y'ububasha bw'Imana kuri Mwene Muntu.

## 1. IJAMBO IKIBATSI NI IKI MU BUZIMA BWA MWENE MUNTU ?

Ikibatsi ni imbaraga zituruka mu bubasha bw'Imana kandi ni imbaraga zikomoka mu rumuri ruhoraho rw'Imana kuko ikibatsi kigendana n'urukundo rw'Imana kandi ikibatsi kigasobanura ububasha bw'Imana isumba byose kuko nta washobora gufata umuriro mu ntoki kandi nta washobora gufata ububasha bw'Imana ngo agire aho abufungirana kandi agire aho abuheza; ikibatsi rero ni ijambo rikomoka mu bubasha bw'Imana kandi ni ijambo risobanura imbaraga z'Imana zitavogerwa kuko ikibatsi kigaragara mu bubasha bwose Imana ikoresha kandi mu mbaraga Imana yoherereza Mwene Muntu mu mibereho ye kandi mu buzima bwe ikibatsi kikagendana n'imbaraga zose z'urumuri rw'Imana kandi kikagendana n'ububasha butavogerwa bw'Imana isumba byose.

Mu kibatsi rero niho hagaragara imbaraga zikomeza Mwene Muntu kandi hakagaragaramo ububasha Mwene Muntu adashobora kugenzura kandi adashobora kubona uko yabwihishamo kandi adashobora kubona uko yabukingirana kuko ari imbaraga zidakumirwa zituruka mu bubasha bw'Imana kandi zituruka mu mbaraga zose z'Uhoraho umutegetsi n'umugenga wa byose. Ikibatsi rero Uhoraho yagiye akigaragaza mu buzima bw'abemera Imana kandi bw'abamukurikira bamugana babikunze kuko atahwemye kumanura izo mbaraga kandi atahwemye kumanura ubwo bubasha bwe bw'urumuri rwagendaga rutwika kandi

rugahindura byose mu buzima bwa Mwene Muntu bukarema byose kandi bugahagarika byose mu mibereho ya Mwene Muntu bityo hakumvikana urumuri rw'Uhoraho kandi agatangira ubuzima bushya muri Muntu biturutse ku mbaraga z'ububasha bw'ikibatsi cy'Uhoraho kandi biturutse mu bubasha bwose bw'Imana yo itegeka byose kandi igahindura byose.

Ikibatsi rero ni ijambo rikoreshwa mu buryo bwo guhindura kandi mu buryo bwo kugaragaza igitinyiro cy'Imana Data mu buzima bwa Muntu kandi mu mibereho ya Mwene Muntu kuko ari urumuri rw'Uhoraho ruzima kandi urumuri rw'Uhoraho rubeshaho byose kuko Imana ari urumuri kandi urwo rumuri ikarukongeza mu bayo kandi ikarusakaza mu bayo rukamurika rugahinda umwijima kandi rugakuramo ikibi cyose.

Ijambo rero ikibatsi ni ijambo rigendana n'imbaraga z'ububasha bw'Imana kuko ikibatsi cyose gitwika kandi ikibatsi cyose kigahindura byose kandi aho kigeze ntikihasige uko kihasanze kuko kiba kirimo ububasha bwose kandi ububasha bugaragaza koko imbaraga ziri kwenyegezwa kandi bugaragaza imbaraga koko inkomoko yazo n'aho zituruka.

Niyo mpamvu rero ikibatsi gikoreshwa mu buryo bwo kugaragaza ububasha bwose bw'Imana kandi kugaragaza imbaraga zikomeye z'Uhoraho Imana mu kuyobora kandi mu guhindura ubuzima bwa Mwene Muntu mu kumuha imbaraga ndetse no kumuha ubutavogerwa bukomoka mu rumuri rw'Imana rudatsindwa kandi urumuri rw'Imana rudasubizwa inyuma; ikibatsi rero ntigishobora gufungiranwa kandi ikibatsi

si umuntu ukiha kuko cyoherezwa n'Uhoraho kuko ari urumuri rw'Uhoraho rumanukira muri Mwene Muntu bityo rugahindura byose kandi rukaka nk'imbaraga z'ububasha bwose bw'Imana mu muntu bityo ikibatsi kigahindura kandi kikarema byose biturutse ku rukundo rw'Imana yo isumba byose kandi yo igenga byose.

Mwene Muntu rero abeshejweho n'izo mbaraga z'icyo kibatsi kabone n'aho hagaragara umusabano mucye muri cyo kandi hakagaragara imbaraga zitangana kuri bose ziturutse mu kibatsi cy'Uhoraho ariko umuntu niwe ugiha uburemere kuko ukwisukura kwe kandi ukwemera kwakira imbaraga z'ububasha bw'Imana niko ikibatsi cy'Ijuru cyihutishwa kandi kigasakazwa mu buzima bwa Mwene Muntu kigahindura byose kandi kikarema byose kigashyira buri gikorwa cyose ku murongo mu buryo Uhoraho yifuza kuko ikibatsi cy'Uhoraho kigendana n'ubumenyi kandi kikagendana n'ububasha bwe bwose mu guhindura ubuzima bwa Mwene Muntu.

Ikibatsi rero ni ijambo rigendana n'ububasha bw'Imana kandi ni ijambo rigaragaramo ubutegetsi bw'Imana kandi rikagaragaramo urumuri rw'Imana mu buzima bwa buri kiremwa cyose kuko Uhoraho ari we wamurikiye Isi yose kandi urumuri rwe rukaba rudashobora kuzima mu Isi kuko ruhora rugurumana kandi rugahora iteka rwuzuye imbaraga kuko nta wushobora kuzimya urumuri rw'Imana kandi nta n'ushobora gutsinda urumuri rw'Imana.

Ikibatsi rero ni imbaraga zihindura byose kandi ni imbaraga zirema byose zikuzuza byose muri Mwene Muntu kuko uri mu

kibatsi ahora iteka atumbagiye mu bubasha bw’Imana kandi agahora iteka azamuka mu rumuri rw’Imana asabana nayo amurikirwa nayo kandi agengwa nayo ubuzima bwa Muntu bwose.

Ikibatsi rero ni imbaraga zitavogerwa z’ububasha bw’Imana kandi ni imbaraga zidahangadwa z’ububasha bw’Imana kuri Mwene Muntu kuko kigaragaza umubano kandi kigaragaza imbaraga zikomeye Muntu afite mu Mana kandi umusabano agirana n’Uhoraho.

Niho rero umwuka muziranenge w’Imana isumba byose uturuka mu kibatsi gihoraho kuko ari cyo cyuzura Mwene Muntu kandi kikamuha gusabana n’Ijuru uko bikwiriye kandi kikamuha gufungurirwa imbaraga z’ububasha bw’Imana mu mibereho ye bityo agahora iteka anyeganyezwa nacyo kandi agahora iteka yumva akomejwe n’izo mbaraga adashobora gusobanura kandi adashobora kumenya uko yavuga mu buzima bwe kandi mu mubiri we.

Ikibatsi rero ni imbaraga z’ububasha kandi ni imbaraga zikumira umwanzi ni imbaraga zimura ikibi cyose cyashobora kugiraho Mwene Muntu ububasha kandi cyashobora kwanduza roho n’umubiri. Ikibatsi rero kiratagatifuza kandi ikibatsi kikarema byose kigatanga ibyishimo kigatanga urukundo kandi kigatanga amahoro mu buzima bwa Mwene Muntu kuko ikibatsi kigendana n’imbaraga zose z’ububasha bw’Imana kandi kikagendana n’imikorere yose Uhoraho Imana aba ashaka gukorera mu muntu kandi aba ashaka kugaragaza mu muntu bityo ikibatsi kikaba kibumbye ububasha bwose

bw'Imana kandi kikaba kibitse ubukungu bwose bw'Imana kuri Mwene Muntu kuko mu kibatsi ari ho Uhoraho ayoborera imiyoboro y'ibikorwa bye kandi akayoborera imbaraga ze muri Mwene Muntu binyuze mu kibatsi mu mbaraga Muntu adashobora gushushanya kandi adashobora kumva kuko ari imbaraga z'urumuri kandi akaba ari imbaraga z'umwuka. Uhoraho mu gukora byose kandi mu guhindura mu kurema Muntu ndetse no kumuha imbaraga zikomeye zituruka mu mbaraga z'ububasha bw'Imana kandi zituruka mu kugenga byose kw'Imana ku kiremwa muntu kandi mu buzima bwa Mwene Muntu.

Ikibatsi rero gishushyanya imbaraga z'Imana kandi ikibatsi kikagaragaza ububasha bwose bw'Imana kuri Muntu kuko ari ho imbaraga z'Imana zigaragarira muri cyo kandi umwuka muziranenge w'Uhoraho ukigaragaza mu bantu binyuze muri ubwo bubasha bw'ikibatsi gitagatifu kandi binyuze muri izo mbaraga zitavogerwa z'urwo rumuri ndetse n'umwuka muziranenge w'Uhoraho kuko ari wo uhindura byose ukarema byose kandi ugasubiranya byose mu mbaraga z'ububasha bw'Imana isumba byose.

Ikibatsi rero ni ubuzima kandi ni umwuka muziranenge ukomoka muri Uhoraho ni urumuri rukomoka mu Mana kuko irucanira Muntu kandi ikarumurikirishiriza Mwene Muntu bityo agatungwa n'urwo rumuri kandi akagobokwa narwo kuko uri mu rumuri rw'Imana nta kindi aba akeneye kandi utunzwe n'ijambo ry'Imana ntakenera ibindi kandi nta kindi asonzera kitari ijambo ry'Imana.

Ikibatsi rero kibeshaho byose kandi kikazahura byose kuko gitunga Muntu kandi kikamwuzuza imbaraga bityo akumva iteka ari mu bubasha bw'Imana kandi agahora iteka asabanye n'imbaraga z'ubudahangarwa bw'Imana yo muremyi wa byose kandi n'umugenga w'imbaraga n'ububasha buyikomokaho kuri Mwene Muntu. Ikibatsi rero ni ubuzima bwa Muntu kandi ikibatsi ni ijambo ry'ubuzima rirema byose kandi rigahindura byose muri Mwene Muntu mu bubasha bw'Imana Data kandi mu buyobozi n'ubugenga bwayo kuri Mwene Muntu.

## 2. IMBARAGA Z'IKIBATSI KITENYEGEZWA MU GUSOHOZA UBUTUMWA

Ikibatsi kitenyegezwa ni ishingiro ry'abanyabutumwa kandi ni ishingiro ry'abatumwa n'Imana bagatumika kandi kikaba ishingiro ry'imbaraga zikomeye zitanyeganyezwa mu gusohoza neza ubutumwa no kurangiza inshingano z'Uhoraho kuri Mwene Muntu mu Isi. Uhoraho rero agiheraho agaba imbaraga kandi akakigira ishingiro ry'abamushamikiyeho kandi abakomora imbaraga muri we bemeye kugendana nawe kandi bemera kwemera ko Uhoraho ari byose kandi ari imbaraga zabo mu buzima bwabo kuko Uhoraho abagabira imbaraga zikomeye kandi akabaha ububasha bwo kumutumikira igihe cyose.

Mu kibatsi kitenyegezwa rero haturukamo imbaraga kandi hagaturukamo imirasire ikomeye iherekeza buri wese utumwa kandi imirasire ikomeye iyobora mu mbaraga za Mwene Muntu kandi ikamuha ububasha bukomeye bwo gutsinda ikibi ndetse n'imitego yose ya Nyakibi bityo ubutumwa Mwene Muntu atumwemo kandi imbaraga asabwa gukoresha mu butumwa zose akazivoma mu kibatsi kitenyegezwa cy'uhoraho kuko atikandagira kandi kikamufasha gutsinda byose kandi kikamufasha kwihanganira byose no kunyura muri byose kugira ngo Imana yonyine abe ari yo ihabwa ikuzo kandi abe ari yo ihabwa icyubahiro kuruta Mwene Muntu ndetse no kuruta ubwikunde Mwene Muntu ashobora kwigiraho no kugaragaza mu gihe cye cyo gutumika kandi mu gihe cyo kugaragaza

ubutumwa bw'Uhoraho mu bantu kandi mu kubusakaza mu bantu.

Ikibatsi rero kitenyegezwa ni imbaraga z'abatagatifu kandi ni imbaraga za buri kiremwa kuko abatagatifu bose ari ho bakura imbaraga kandi ari yo soko bavomaho ububasha bw'Imana isumba byose kandi n'urumuri baganjemo kuko ari cyo kibatsi gitunze byose kandi gitunga Mwene Muntu mu buryo bukomeye kandi kigatunga n'abatagatifu kuko Uhoraho asabanyisha bose muri icyo kibatsi kandi akabaha imbaraga zikomeye z'urwo rumuri rugatura mu bemera kandi rugasabana nabo igihe cyose mu buryo bwo kugaragaza imbaraga ndetse no mu buryo bwo gukumirwa k'umwanzi ndetse no kugaragaza ububasha bukomeye bw'Uhoraho mu kurinda ndetse no kugabira Muntu imbaraga zimukomeza kandi imbaraga zimuyobora igihe cyose.

Ikibatsi rero kidakumirwa kandi kitavogerwa cy'Uhoraho gitanga ububasha bukomeye kandi kigatanga imbaraga zitavogerwa mu buryo bwo kurinda ndetse no gusohoza inshingano neza kuri Mwene Muntu kandi azisohoreza Uhoraho mu Isi hose kuko Muntu abereyeho gutumikira Uhoraho kandi Mwene Muntu akaba abereyeho gusakaza imbaraga z'umuremyi we mu Isi hose kuko Uhoraho akoresha Muntu kandi akanyuza byose muri Muntu kuko yamuhaye ubwenge buruta ubw'ibindi biremwa.

Muntu rero ahavoma imbaraga zikomeye zimufasha kwitagatifuza kandi zimufasha kuyobora ibyiza by'Uhoraho uko bigomba kandi n'uko bikwiriye kuko ahavoma imbaraga kandi

akahavoma urukundo mu kibatsi kitenyegezwa akahavoma kubabarira kandi akahavoma imigenzo myiza yose ikomoka muri Uhoraho kuko ari yo soko nyakuri y'ububasha bw'Imana kandi akaba ari yo soko nyakuri y'imbaraga z'Imana mu guhindura Mwene Muntu mu kumuha imbaraga ndetse no kumuha ububasha bukomeye bwo kuyoborwa ndetse no kugengwa n'igitinyiro cy'Imana mu buzima bwe bwose.

Ikibatsi rero kitenyegezwa ni imbaraga zikomeye kandi ni ububasha butavogerwa bugomba kugaragarira Muntu kandi bugomba guhishurira Mwene Muntu uburyo bwo kubaho kandi bukamuhishurira uburyo bwo gukunda umuremyi we ndetse no kumuyoboka mu buryo bukwiriye kuko mu kibatsi kitenyegezwa havomwa imbaraga zikomeye kandi hakavomwa ububasha bukomeza Muntu bukamufasha kwitagatifuza kandi bukamufasha kwakira imbaraga z'ububasha bwose bw'Imana kandi kwakira imbaraga z'ubutegetsi bw'Imana muri Muntu.

Ni imbaraga rero zikomeye kandi ni ububasha butavogerwa bugaragariramo urukundo rw'Imana kandi hakagaragarizwamo ugutsinda kw'Imana mu kibatsi kitenyegezwa kuko ububasha bw'Imana bwose ari ho buturuka bugaburira Mwene Muntu kandi butunga Muntu kugira ngo iteka ahore asusurutse mu rukundo rw'Imana kandi ahore iteka ari mu mbabazi z'Imana ndetse yiyumvamo umusabano ukomeye n'Ijuru ryose yiyumvamo imbaraga zimukomeza mu kubana n'Ijuru ndetse no kugengwa naryo igihe cyose.

Ikibatsi rero kitenyegezwa ni imbaraga z'uwemera kandi ni imbaraga z'ugana Imana kandi zikaba imbaraga zitandukanya

ikibi cya Mwene Muntu kandi zikaba imbaraga zimutandukanya n'ikibi cy'umwanzi bityo kikayoborera Mwene Muntu mu gushaka kw'Imana kandi kikamufasha kumvira Uhoraho kumuyoboka no kumugana nta buryarya byose bikozwe mu rukundo kandi bikozwe mu mbaraga zitavogerwa z'ububasha bw'Imana.

Ni imbaraga rero zigaragarira mu kwemera kandi ni imbaraga rero zigaragarira mu kwizera no gukunda Uhoraho kuko ari ho ububasha bwose bukomoka bw'icyo kibatsi kandi kikigaragariza Muntu mu buryo bukomeye kikamuyobora kandi kikamugenga igihe cyose bityo agahora iteka ari mu bubasha bw'Imana yahanze byose kandi agahora iteka ari mu mbaraga z'umusumbabyose kuko nta kiba gishobora kumukoma imbere kandi nta n'igishobora kuba cyakwitambika mu gutumika kwe no kurangiza inshingano ze z'ubutumwa mu Isi.

Ni kibatsi rero kigenderamo imbaraga z'abamalayika ndetse n'abatagatifu mu kugera kuri  Mwene Muntu kandi mu kumwubakira imbaraga za roho kandi imbaraga z'ububasha bw'Imana mu buzima bwe kuko abamalayika n'abatagatifu ari ho bahera bashamika imbaraga zabo kandi ububasha bakomora muri icyo kibatsi kitenyegezwa cy'Imana kuko ari cyo bahora bota kandi ari cyo bavomamo ububasha bukomeye butuma bamwe bagaruka mu Isi kuburira kandi gituma bagaruka mu Isi gukomeza benshi kandi kwambura ijambo umwanzi mu bantu.

Ni imbaraga rero z'ugutsinda kw'Imana zigaragariza muri cyo kandi ni imbaraga z'ububasha bw'Imana zigaragarira mu kibatsi kitenyegezwa kuko ari ho hakomoka ububasha bwose kandi hakomoka igitinyiro cy'Imana mu guhindura byose ndetse no mu gushyiraho ububasha n'uburinzi kuri Mwene Muntu mu kuyoboka Imana mu kuyikunda no kuyikundira bityo akahabonera imbaraga kandi akahabonera uburinzi bumuha gukomera kandi uburinzi bumufasha kugana Imana nta kimukomye imbere kandi nta kimubereye imbogamizi n'intambamyi.

Ni ikibatsi rero cy'ubuzima kandi ni ikibatsi kibeshaho kigahindura kandi kikarema byose bundi bushya kandi kigatanga imbaraga zikomeye zo kuyoboka Uhoraho no kumwemera uko bikwiriye. Ni ho rero tugaragariza ububasha bwacu kuri Muntu kandi tukagaragariza intsinzi ikomeye itagamburuzwa cyangwa ngo ivogerwe n'umwanzi kuko uwinjiye kandi agakingura umutima we ikibatsi kitenyegezwa gitura muri we kandi kikaba urukuta rukomeye rurinda Muntu kandi urukuta rukomeye rwubakiyeho ibyiza by'Uhoraho kandi rugose ibikorwa by'Uhoraho muri Muntu.

Ni imbaraga rero zigaragaza ukwemera kwa Muntu kandi ni imbaraga zigaragaza urukundo Mwene Muntu afite muri Uhoraho kuko Uhoraho yururuka akabana n'uwakiriye urumuri rwe kandi uwakiriye ikibatsi n'imbaraga mu bubasha bwose bityo akamwuzuza imbaraga kandi akamuha igitinyiro cye kikamuyobora kandi kikamufasha kubahirizia no kurangiza neza inshingano aba agomba kuzuza muri Uhoraho kandi aba agomba gukorera mu rukundo rw'Imana.

Ni ikibatsi rero cy'imbaraga kandi ni ikibatsi cy'ububasha butavogerwa ububasha budakumirwa kuko Uhoraho atangiramo amatangazo ye kandi Uhoraho agatangiramo imbaraga z'ukuri kwe kuko uri mu kibatsi cye ntaho ahezwa kandi uri mu kibatsi cy'Uhoraho hose aba yigenga kandi agahora iteka asabanye n'ububasha bw'Ijuru agahora iteka akomejwe n'imbaraga zitavogerwa z'ukuri kw'Imana isumba byose yo yahanze byose kuko ari yo soko ngari y'ubumenyi bw'Imana kandi akaba ari yo soko ngari y'ububasha bw'Imana ku wemera gutumika kandi ku wuyobowe ry'Uhoraho kuko ahavomera imbaraga kandi ikibatsi kitavomererwa kandi kitagaburirwa ku bwa Muntu ahubwo kigaburira Mwene Muntu kikamuvomerera kikamusenderaza imbaraga, kigahora iteka kigurumana muri we kandi kigahora iteka cyuzuza imbaraga Mwene Muntu mu buryo bwo kubaho mu rukundo kandi mu buryo bwo kubaho mu mbaraga n'igitinyiro by'Imana kuko ari ho ububasha bwose Muntu abukomora kandi ububasha bumugenga bumutegeka akabukomora muri icyo kibatsi bityo kikamuha umurongo kandi kikamuha kugengwa n'ijambo rikomoka muri Uhoraho kuko aba aganje kandi ububasha bwe bwose busendereye mu mbaraga z'icyo kibatsi kuko ari wo musabano wa Muntu n'Uhoraho ushingiye kandi Mwene Muntu aba ari aganje kandi yumva izo mbaraga ndetse n'ububasha bw'urwo rumuri rumukurura kandi rumushyira mu cyiza rumutandukanya n'ikibi cy'umwanzi bityo agafungurirwa imiryango y'ibyiza by'Ijuru kandi agahabwa ubudahangarwa bukomeye bwo kwizihirwa muri Uhoraho ndetse no gusabana na we igihe cyose binyuze mu mbaraga z'ikibatsi cy'ububasha bw'Imana kandi ikibatsi cy'ugutegeka kw'Imana no guhindura

byose muri ubwo bubasha bw'icyo kibatsi gikomoka muri Uhoraho kandi kiranganwa ububasha bwose bw'Imana mu guhindura no mu gutegeka Isi mu buhanga ndetse n'ubuhangange bwayo butavogerwa kandi budakumirwa na Mwene Muntu kuko Uhoraho ari hejuru ya byose kandi akagenga byose mu gitinyiro cye no mu mbaraga ze bityo buri kiremwa cyose kigakorera muri ubwo bubasha kandi kigahabwa imbaraga muri icyo kibatsi kitenyegezwa kuko uwakinjiyemo ahabwa imbaraga zikomeye kandi akaba intatsindwa ku rugamba igihe cyose.

Ni ikibatsi rero kigaragariramo imbaraga z'ukwemera kandi ikibatsi kigaragariramo imbaraga zo kwemera Imana no kuyiyoboka mu kuri ntaho Mwene Muntu akinze kandi ntaho yitandukanyije n'ububasha ndetse n'ibikorwa by'Imana mu gutegeka ndetse no kuyobora Mwene Muntu.

## 3. IMPAMVU Y'IKIBATSI KITENYEGEZWA MU ISI

Iki kibatsi twagihishuye kandi DATA yakigaragaje ku mpamvu yo kugira ngo kimenyekane mu buzima bwa Mwene Muntu kandi amenye ko atunzwe n'urukundo rw'Imana anatunzwe n'ububasha bukomoka mu Mana ko twakigaragaje mu mpamvu y'impinduka twashakaga kugaragaza mu Isi kandi mu mpamvu y'ubuzima busendereye twashakaga gusendereza Mwene Muntu ndetse kumwuzuza kugira ngo amenye kugengwa n'urukundo rw'Imana kandi amenye kugengwa n'uburinzi bukomoka mu Mana kuko hari aho Mwene Muntu yari amaze gutana no gutandukira bikomeye kandi amaze kurengera bikabije bityo DATA yemera kugitangaza kandi yemera kugihishura mu bo yashatse kukigaragariza kugira ngo abereke ko umuntu abeshejweho n'urukundo kandi abeshejweho n'imbaraga zikomoka mu Mana bityo Uhoraho ari we umugenga kandi Uhoraho ari we umuha imbaraga akamutiza umurindi mu gukunda kandi no mu kumenya icyiza uko bigomba n'uko bikwiriye.

Twakigaragaje rero mu mbaraga zacu kugira ngo duhindure imyumvire ya Mwene Muntu kandi tugamburuze ibitekerezo bye yibwira ko kubaho kwe ari we ubyikesha kandi akibwira ko kubaho kwe bidafite inkomoko kandi bidafite imbaraga zikomeye bishingiyeho ari ko kubaho muri Uhoraho kandi ari ko kugengwa na we mu buzima bwa Muntu bwose.

Uhoraho rero ari hejuru ya byose kandi ni umutegetsi n'umugenga wa buri kimwe cyose kuri Mwene Muntu akaba

ari yo mpamvu yashatse kugaragaza imbaraga ze kandi akaba ari yo mpamvu yashatse kugaragaza ububasha bwe mu kwita kuri Mwene Muntu mu kumuyobora kandi mu kumwereka inzira n’igikwiriye abinyujije mu rukundo rwe kandi abinyujije mu mbaraga ze zitavogerwa.

Ikibatsi rero kitenyegezwa ni igihe kigeze kugira ngo kigaragare mu Isi kandi kivuguruze byose mu Isi kuko imbaraga z’Uhoraho zikomeje kururukira Mwene Muntu kandi ukugenga Mwene Muntu mu buryo bwo ku mugaragaro mu kumutegeka kandi mu kumuyobora ugushaka kwa DATA kandi inzira Uhoraho ashaka akaba ari igihe kigeze kugira ngo n’uburemere bw’icyo kibatsi kitenyegezwa kigaragarire Isi yose kandi kimenyekane mu buryo bw’imbaraga zikomeye ndetse no mu bubasha butavogerwa ko cyagiye kibaho mu buzima bwa Mwene Muntu bucece kandi Uhoraho akagenda acyoroshya mu mibereho ya Mwene Muntu ntamugaragarize ububasha bukomeye bwe kandi ntamugaragarize imbaraga n’uruhare afite kuri Mwene Muntu mu buryo bugaragara kandi bufatika. Ni igihe rero cyo kugira ngo imbaraga z’icyo kibatsi kitenyegezwa zigurumanire muri Muntu kandi zimugaragarize isoko y’imbaraga ndetse isoko y’ububasha bwose bumubeshejeho kandi bumuhagaritse muri Uhoraho kandi bukomoka mu bubasha bwose bw’Uhoraho.

Ikibatsi rero kitenyegezwa gihindura byose kandi kikagamburuza byose akaba ari yo mpamvu igihe cyacyo kigeze kandi akaba ari yo mpamvu imbaraga zigendanye nacyo kandi ububasha bwose bugomba kurekurwa bukomoka muri cyo kandi bukomoka muri Uhoraho kuko yashatse kukigaragaza

kandi yashatse kukimenyekanisha mu buryo bukomeye kandi mu mbaraga zitavogerwa. Ni igihe rero cy'ubwigenge bw'uhoraho kandi ni igihe cyo kwigenga mu biremwa bye kuko Mwene Muntu yakuriweho ubwigenge yihaga kandi ubwigenge yahabwaga n'umwanzi bityo bikamutera kugarambira Uhoraho kandi bikamutera kujya kure y'Imana none Uhoraho akaba aje kugaragaza ububasha bwose afite ku kiremwa muntu kandi imbaraga zose zigose Mwene Muntu zimukomokaho ko zigomba kwigaragaza zikavuguruza byose zigahindura byose kandi zigatakaza ubwikunde bwa Mwene Muntu ndetse n'ukwikuza kwe ko ari ikibatsi kizasukura byose kandi kigahanagura ikibi cya Mwene Muntu kandi kigahuraho ubwandure bwose muri Mwene Muntu kugira ngo ububasha bw'Imana Data bwinjire mu Muntu kandi bucengere bwumvikane uko bugomba kumvikana ko buzacayura ikibi cyose kandi bugakuraho imbogamizi zose zatambamiraga Muntu mu gutuma akorera Uhoraho kandi mu gutuma amuyoboka n'ubwenge bwe n'amagara ye yose.

Ni igihe rero kigeze kugira ngo izo mbaraga zose Uhoraho azigaragarize Muntu kandi ububasha bwose Muntu yari yahawe akabutatanyiriza mu kibi kandi akabutagaguza, ni igihe kigeze kugira ngo Uhoraho abugarure kandi abukusanye bityo yereke Muntu uruhare amufiteho kandi yereke Mwene Muntu ububasha bwe bwose kandi n'ububasha agengesha Mwene Muntu ko Mwene Muntu atigenga ahubwo agengwa n'Uhoraho.

Ni igihe rero kigeze kugira ngo izo mbaraga zigaragaze kandi ubwo bubasha bumanuke kuko bwatangiye gusakara mu Isi

kugira ngo buhanagure ubuhemu bwa Muntu kandi bwirukane ikibi cya Mwene Muntu n'ikibi cy'umwanzi gikurwe mu nzira kandi kimurwe kimwe ijambo kandi gikurwe aho cyafashe ijambo bityo Uhoraho ahabwe ijambo kandi ijambo rye ryivugire rishyira mu bikorwa kandi rihindura byose kuko ari ikibatsi kibeshaho kandi akaba ari ikibatsi kidakumirwa kidahabwa umwanya wo kugira ngo gikore kandi kidahabwa igihe cyo kugira ngo kigaragarize Muntu.

Ni igihe rero cyo kugira ngo Isi yose imenye ububasha bw'Imana kuko icyo kibatsi kitenyegezwa cyarangije kumanurwa mu Isi kandi Isi yose igihagazemo kandi Isi yose ikicayemo akaba ari igihe rero cyo kugira ngo kibirindure byose kandi cyirukane ikibi cyose cy'isi kandi cyirukane ikibi cyose cy'umwanzi kugira ngo ibyaremwe byose kandi imbaraga zose z'ububasha bw'Imana zigaragarize mu biremwa byose bityo buri kiremwa cyose gitinye Uhoraho kandi kimenye ko Uhoraho ari we Mana yonyine kandi ari we ukwiriye kuyobokwa guharirwa byose kandi kwirundurirwa kuri buri wese. Ni igihe rero cyo kugira ngo izo mbaraga zigaragze kandi ubwo bubasha igitinyiro cy'Imana isumba byose cyigaragaze mu biremwa byose kuko Uhoraho yaje guhanagura byse abinyujije mu kibatsi cye kitenyegezwa mu kibatsi cye kidakumirwa kidasaba karibu kandi kidasabwa ko Muntu agomba kwemera kandi agomba kubanza gutekereza ko agomba kwakira icyo kibatsi.

Kije rero gukumira byose kandi kije guhagarika byose kuko cyayunguruye kandi gikomeje kuyungurura byose kugira ngo humvikane imbaraga zose z'umuremyi kandi humvikane

imbaraga zose z'intangiro y'ibyaremwe byose kandi ibyabayeho muri Uhoraho kuko ari we jambo-rumuri kandi jambo rikiza jambo ryaje mu Isi yose bityo Isi ikanga kuryakira akaba ari igihe cy'intsinzi rero y'ububasha bw'Imana kandi akandi akaba ari intsinzi y'urwo rumuri rw'Uhoraho rugomba kwigaranzura Isi yose kandi rukigaranzura ikibi cy'Isi kugira ngo ububasha bw'Imana isumba byose bugaragare kandi bwigaragarize Mwene Muntu ukerensa imbaraga z'Uhoraho kandi agakerensa ibikorwa bye kuko ari igihe cyo kugira ngo agaragarizwe imirimo ikomeye mu Mana kandi agaragarizwe ibikorwa by'Uhoraho ko bisumbye kure ubwenge bwa Mwene Muntu.

Ni ikibatsi rero gihanagura kandi ni ikibatsi gihindura ni ikibatsi kirutsa ikibi cyose muri Mwene Muntu kuko kigendana n'itegeko kandi kikagendana n'ububasha bwose bw'Imana akaba ari igihe rero kigeze cy'imbaraga z'Uhoraho kandi akaba ari igihe kigeze cy'ububasha bwe kugira ngo bwigaragarize Isi yose buhishure ibyari bihishwe kandi ubwo bubasha buhishure ibyari byarapfukiranwe n'umwanzi kugira ngo bijye ku mugaragaro bityo intsinzi izakomoke muri icyo kibatsi kuko Uhoraho ari we utwaye intsinzi y'ibikorwa bye mu bantu kandi akaba atwaye intsinzi y'ijambo rye mu bantu kugira ngo rihabwe agaciro kandi ryumvikane kuko yaje kurwanirira ibikorwa bye kandi akaba yaraje gushimangira imbaraga zose atahwemye kugaragariza Mwene Muntu kandi atahwemye gutuma mu bo atuma kugira ngo bakwirakwize ikibatsi cye kandi bagende bakimanura mu bantu gahoro gahoro.

Ni igihe rero cyo gusesura kandi ni igihe cyo gusendereza imbaraga z'icyo kibatsi kuko Uhoraho yagiye yohereza imirasire y'icyo kibatsi kugira ngo igende mu muntu kandi ikwire mu muntu imubwirize kandi ihindure byose abone urumuri ariko Mwene Muntu akarangwa no guhungira mu mwijima kandi akarangwa no kujya kure y'urwo rumuri.

Ikibatsi rero kitenyegezwa ni igihe kigeze kugira ngo kigurumanire Isi yose kandi kigurumane mu buzima bwa Mwene Muntu kuva mu bworo bw'ikirenge kugeza ku mutwe we kuko Uhoraho ari we ugenga Muntu kandi akagenga ibyo yahanze byose n'ibyo yaremye hakaba rero nta muntu wifiteho ububasha kandi hakaba nta muntu wifiteho ubwigenge muri iki gihe kuko Uhoraho aje kugenga byose kandi akabigenga muri Muntu kugira ngo ububasha bwe bwigaragaze kandi igitinyiro cye gitangire kigaragarire Isi yose kandi kimenyekane mu buryo bukomeye mu buryo bw'ububasha. Imbaraga rero z'Uhoraho ntizivogerwa kandi ntizikumirwa kuko aje gutegeka byose kandi ijambo ryose yakoresheje ijambo ryose yaremesheje byose akaba aje kurigaragaza kugira ngo rigaragarire Isi yose kandi rimenyekane mu buryo bw'agatangaza.

Ububasha rero bw'Imana ntibukumirwa kandi ububasha bw'Imana ntibugirwaho impaka akaba ariyo mpamvu Uhoraho yashatse kwigaragaza kandi akaba aje kwigaragariza buri kiremwa cyose agafata ijambo mu bantu kandi agahagarika byose abigiriye imbaraga z'ikibatsi cye kitenyegezwa kuko ntawe akeneye ko azamugaragira mu bikorwa bye kandi ntawe akeneye ko azamuvugira mu bikorwa bye ahubwo azaba aje kwikorera kandi akaba aje gushyira byose mu ngiro

imwerekeyeho kuko yasakaje ububasha bwe mbere y'igihe kandi akagenda yoroshya uburemere bw'imbaraga ze ndetse n'ikibatsi cy'ubuzima bwe kandi imibereho ye yose akagenda ayoroshya muri Mwene Muntu kugira ngo amureshye amwiyegereze ariko Muntu akarangwa no gukomeza gushotora ndetse no gukomeza gushaka kuvogera ububasha bw'Imana.

Niyo mpamvu rero ikibatsi kitenyegezwa kigiye kugaragariza buri wese kandi kikigaragariza buri wese kuko nta wuzakenerwa kugira ngo akoranye uwo muriro kandi akoranye icyo kibatsi kuko Uhoraho yihagije muri byose kandi akaba yihagije mu mikorere ye akazuzuza byose kandi akazatangaza byose mu bubasha bwe agahagarika kandi akubaka agakomeza bityo ibisenywa akabisenya kandi akabihererereza uruhande rumwe.

Ni igihe rero cy'imirimo ye kandi ni igihe cy'ububasha bwe bugomba kwigaragaza bugahishura byose kandi bugatangaza byose ku mugaragaro mu mbaraga zikomeye z'uhoraho kandi mu gitinyiro cye kitavogerwa kigomba kugaragarira amahanga yose kandi kikagaragarira Isi yose kuko Uhoraho ari we Mana kandi ari we nyir'ijambo ku biremwa bye byose.

Aje rero kuzuza ijambo rye kandi aje gutwikisha ikibatsi cye mu Isi hose kugira ngo imbaraga z'icyo kibatsi zimenyekane kandi zumvikane kuko ari igihe cyo kugira ngo gihishurwe kandi kijye ku mugaragaro mu ngiro kuko twagitangaje mu magambo ariko akaba ari igihe cyo kugira ngo ikibatsi ubwacyo kigaragaze mu bikorwa by'Uhoraho kandi mu mpinduka zigomba

kugaragara kuko mu kugitangaza kwacu mbere y'igihe twagira ngo kigende kimanuka kandi kigende cyoroshya imbaraga zagombaga kumanurwa zose muri cyo bityo akaba ari igihe cyo kugira ngo cyumvikane kandi kigaragarire Isi yose mu buryo bw'agatangaza kandi mu mbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana isumba byose kuko ari ho kizagaragariza ibikorwa bikomeye bya Nyagasani kandi ibikorwa bikomeye by'Uhoraho bikazagaragarira muri icyo kibatsi kandi bikazagaragaza impamvu nyamukuru y'ububasha bw'Imana kuri Mwene Muntu kandi ububasha bw'Imana ku kiremwa cyose kuko cyahanzwe n'Uhoraho nta na kimwe gishobora kwiterura imbere y'ububasha bw'Imana kandi nta kiremwa na kimwe gishobora kwisimbukuruza imbere y'ubudahangarwa bw'Imana. Ni igihe rero cyo kugira ngo ijambo ry'Uhoraho ryumvikane kandi ububasha bwe busakazwe bumenyekane kandi bufate ijambo kuri buri wese kandi buri wese amenye ko Uhoraho yaje kuyobora yaje gutegeka kandi yaje guhindura byose binyuze mu mbaraga ze kandi binyuze mu kibatsi cye kitenyegezwa kandi kidahabwa umwanya wo kugira ngo gikore kandi cyigaragaze muri Mwene Muntu.

Ni igihe rero cy'imbaraga z'icyo kibatsi kandi ni igihe cy'ububasha bwacyo kugira ngo bugaragarire Isi yose kandi bumenyekane mu guhindura byose mu kubaka imbaraga zikomeye ndetse no kurema amateka Uhoraho yari yararemeye Muntu kandi yari yarifurije Mwene Muntu bityo agahindurwa n'umwijima kandi akagenda akururirwaho Mwene Muntu n'umwijima akaba ari igihe cyo kugira ngo ayo mateka yigaragaze kandi ubwo bubasha n'urukundo Uhoraho

yageneye Mwene Muntu bigaragare mu gitinyiro cye kandi mu kibatsi cye kitenyegezwa kizashyira byose ku murongo kandi kigasenya byose kikubaka byose nk'uko Uhoraho yahanze byose nta n'umwe uhari kandi ijambo rye rikarema byose rigahindura byose.

Aje rero kugaragaza izo mbaraga zikubiye mu buremyi bwe kandi zikubiye mu bikorwa bye yahangishije Isi kandi ibikorwa bye n'ububasha bwe yahangishije imirimo ye ikomeye ku kiremwa muntu ndetse ni mu Isi hose akagaragaza ibikorwa bye kandi akagaragaza imbaraga ze mu guhanga byose no guhindura byose binyuze mu kibatsi kitenyegezwa kandi ikibatsi gitunze Mwene Muntu kigomba kugaragara ko Uhoraho ari muri Muntu kandi afite ububasha bwose bwo kubeshaho Mwene Muntu kumukiza kandi no kumwigizayo kuko byose biri mu mbaraga z'ikibatsi vcye kitenyegezwa kuko gifite ububasha bukomeye kandi kikigiramo imbaraga zose z'ububasha bw'Imana isumba byose mu gutegeka kandi mu guhindura byose binyuze muri cyo.

Ni igihe rero cyo kugira ngo icyo kibatsi kigaragaze kandi kimenyekane mu Isi hose gitangarizwe Mwene Muntu kandi Uhoraho yandikemo ijambo rye ribeshaho kandi ijambo rye ry'intangiriro ndetse n'iry'iherezo kuko ari intangiriro ya byose kandi akaba n'iherezo rya byose. Ni ikibatsi rero kigomba kurema byose kandi ni ikibatsi kigomba kuvugurura byose bityo Uhoraho agahanga kandi akarema byose abigiriye ijambo rye kandi abigiriye ikibatsi cye kibeshaho kandi ikibatsi gihindura byose.

Ntago rero cyamenyekanye ku busa kandi ntago Uhoraho yagitangaje ku busa kuko cyaje guhindura byose kandi cyaje gukura mu nzira ikibi cyose cy'umwanzi kuko Mwene Muntu atamenye aho umwanzi yamwinjiriye kandi ntamenye uburyo umwanzi ayobya bityo Uhoraho akaba aje kugisakaza mu Isi hose kugira ngo aterure ikibi cy'umwanzi kandi agisuke hanze maze imbaraga ze zigaragaze kandi urukundo rwe afitiye Muntu rugaragare mu bikorwa kandi rugaragare mu mbaraga agomba kugaragariza Isi yose kandi mu mbaraga agomba kugaragariza Muntu kugira ngo amenye ububasha bukubiye mu bikorwa bye kandi ububasha bukubiye mu mbaraga ze zitavogerwa kandi zidahangarwa.

## 4. UMUMARO W'IKIBATSI KITENYEGEZWA

Ikibatsi kitenyegezwa gifite umumaro ukomeye mu buzima bwa Mwene Muntu kandi kikagira umumaro wihariye mu bindi bibatsi byose Uhoraho yohereza muri Mwene Muntu kandi anyuza mu mubiri wa Mwene Muntu kugira ngo arusheho kwitagatifuza kandi arusheho gutagatifuzwa n'imbaraga zikomotse mu bubasha bw'Imana kuko ikibatsi cyose kimanukira impamvu kandi ikibatsi cyose kikanyuzwa muri Mwene Muntu kugira ngo kimuhindure kimusukure kimureme bundi bushya kandi kimwambike imbaraga zikomeye zo guhangana n'ingorane zose z'Isi ndetse no guhangana n'imitego ndetse n'ibigusha byose by'umwanzi mu Isi.

Ikibatsi rero kitenyegezwa gisabanisha Mwene Muntu n'Uhoraho mu mbaraga zikomeye kandi kikamuzamura mu bubengerane bw'Imana aho adashobora guhangarwa n'umwanzi kandi aho yuzuzwa imbaraga zikomeye igihe Mwene Muntu abereye maso imbaraga ahabwa muri Uhoraho kandi akaba maso mu kumenya kwisukura ndetse no mu kumenya guhinda ikibi cyose cy'umwanzi yemera guhishurirwa n'Uhoraho imitego yose y'umwanzi bityo akayitsinda kandi akayihigika akayigiza kure kuko bimuviramo impamvu yo gutsinda kandi bikamuviramo impamvu ikomeye yo kubasha kwiyumva mu rukundo rw'Imana ndetse no kwakira ubudahangarwa bukomeye mu Mana isumba byose.

Ikibatsi rero kitenyegezwa gihinda umwanzi kandi ikibatsi kitenyegezwa kigakuraho imbogamizi zikomeye kandi inzitiro

zikomeye z'umwanzi kuri Mwene Muntu kuko Uhoraho aba yururutse kubana na Muntu kandi akururuka kumwuzuza ububasha bwe bukomeye bityo Mwene Muntu wakiriye kandi wemeye kuyoborwa n'ikibatsi kitenyegezwa agahabwa imbaraga zikomeye kandi akagira ukwizera gukomeye muri Uhoraho bityo bikamuzanira ububasha kandi bikamuzanira kumenya kubaha ndetse no kumenya kugengwa n'igitinyiro cy'Imana igihe cyose.

Mu kibatsi rero kitenyegezwa hagaragaramo igitinyiro cy'Imana gisendereye kandi hakagaragaramo ubudahangarwa bw'Imana busendereye kuko ari ikibatsi gikurura imbaraga zose kandi kigahuza Mwene Muntu n'Imana mu buryo busendereye kandi mu buryo bw'umusabano Uhoraho muri Muntu.

Ni ikibatsi rero gihinda inabi yose ya Mwene Muntu kandi uwacyakiriye agakurirwamo icyaha kandi agakurirwamo ikibi cyose cy'umwanzi bityo agahabwa imbaraga zikomeye kandi agahabwa ububasha bumurinda kandi ububasha bumusukura bumuhanaguramo ikibi cyose kandi bumuhanaguramo ikibi cyose cy'umwanzi biturutse ku mbaraga zose z'ububasha bw'Imana yo isukura kandi igahindura byose muri Mwene Muntu.

Ikibatsi rero kitenyegezwa gishwanyaguza imbaraga zose z'umwanzi kandi kigakuraho ikibi cyose Muntu aterwa n'umwanzi kandi azanirwa n'umwanzi; niyo mpamvu rero gifite umumaro ukomeye kandi kikuzuza Mwene Muntu ububengerane bukomeye mu buzima bwe kuko igihe cyose

yitandukanya n’imitego yose y’umwanzi kandi akikura ku kibi cyose cy’umwanzi iteka aba yihamagarira icyo kibatsi kitenyegezwa kandi akaba aba ahuruza imbaraga z’ububasha bw’Imana muri we.

Ni ikibatsi rero gishoboza benshi mu Isi kandi gishoboza abemera gutwaranira ingoma y’Ijuru kuko kitareba amadini kandi kitareba amatorero ahubwo ari ikibatsi cy’urukundo rw’Imana ku kiremwa cyose kandi ku kiremwa cyose kiyumvamo ko Uhoraho ari we mugenga kandi ari umutegetsi n’umuyobozi wa byose bityo abafite amizero yabo muri Uhoraho kikabaha gutsinda kandi kikabaha kwambara imbaraga no gukomera bityo iteka imbaraga z’Uhoraho zigahora muri bo kandi ububasha bw’Imana bigahora iteka bubagenga igihe cyose.

Uwemeye rero gutura mu kibatsi kitenyegezwa kandi gutura mu kibatsi cy’Uhoraho kuko Muntu asenderezwa imbaraga z’ikibatsi kitenyegezwa igihe cyose yatangiye kwakira imbaraga z’urumuri Uhoraho amwoherereza kandi urumuri rw’ikibatsi amusendereza bityo rukamuha guhabwa imbaraga zikomeye kandi rukamuha guhabwa ububasha bukomeye muri Uhoraho.

Niyo mpamvu rero uwemeye kubaho mu kibatsi kandi akemera kwakira imbaraga zose zimukomeza iteka asenderezwa ikibatsi kitenyegezwa kugira ngo kimufashe gutsinda kandi kimufashe guhangana n’imitego yose karundura y’umwanzi kuko Muntu aba yambaye igitinyiro cy’Imana kandi akaba yambaye ubwo bubasha bukomeye bw’Imana asenderejwe urumuri kandi yarahawe kunga

ubumwe n'imbaraga z'Ijuru ryose kandi yarahawe kunga ubumwe n'ububasha bw'Imana bityo bukamuha gutsinda kandi bukamuha gutsikamira ububasha bwose bw'umwanzi yaba mu kwikiza kuri we kandi yaba no gukiza abandi kandi roho zitabarika kuko aba yarahawe urumuri kandi agahabwa imbaraga zo guhambura benshi baboshywe n'umwanzi kandi guhambura benshi umwanzi yagiye agiraho ijambo.

Ni ikibatsi rero cyuje ubushishozi bwose kandi cyuje ubumenyi bwose muri Uhoraho bityo bugasakaza izo mbaraga mu Isi kandi ubwo bumenyi bukomoka muri Uhoraho bukisakaza muri Mwene Muntu mu buryo bwo gukumira ikibi cyose cy'umwanzi ndetse no kwimura imbaraga zose z'umwanzi kuri Mwene Muntu. Ni ikibatsi rero kigendana n'ububasha bukomeye bw'Imana kandi kikagendana n'igitinyiro cy'Uhoraho muri byose kuko kirinda Mwene Muntu kandi kikubaka imbaraga zikomeye ku buzima bwa Mwene Muntu. Ni ikibatsi rero kidakumirwa kandi ni ikibatsi gihinda imbaraga z'umwanzi bityo ububasha bwacyo kandi imbaraga zacyo zikigaragariza Isi yose kandi zigahindura byose mu Isi. Ni ikibatsi rero cy'ubutwari kandi ni ikibatsi cyo gutwaranira ibyiza by'ingoma y'Ijuru kuko uri muri cyo kandi wambaye imbaraga muri cyo abona uburinzi kandi agahabwa ububasha bukomeye bumurinda bumufasha kutitindaho kandi kudatinda ku bibi by'umwanzi ahubwo Muntu akaba yarekuye byose kandi akaba yashyize hasi byose bityo akirundurira mu bubasha bw'Imana kandi akemera kugengwa nabwo bukamurwanirira kandi bukamutsindira ikibi cyose kuko ari ikibatsi kirundura byose kandi ikibatsi gihora iteka kigurumana kubera urukundo

rw’Imana kandi kigahora iteka cyaka kubera ububasha bw’Imana isumba byose.

Ni ikibatsi rero gihinda imbaraga zose z’umwanzi kandi kigahinda ikibi cyose gikomoka mu mwanzi kuko gihinda ububasha bwose bwa Nyakibi kandi kikaba ikibatsi gihindura Mwene Muntu mu buryo bukwiriye kandi kikamwinjiza ahasukuye mu buziranenge bw’Imana Data.

Ikibatsi rero kitenyegezwa gifite umumaro kandi gifite imbaraga zikomeye ku buzima bwa Mwene Muntu kandi kikagira ijambo ku buzima bwa Mwene Muntu kuko gikuraho akarengane Muntu aterwa n’umwanzi kandi kigakuraho ubwikunde bwa Mwene Muntu kigakuraho inzigo n’inzika Mwene Muntu aterwa n’umwanzi kandi agirira muri mugenzi we kuko kiba cyarangije gusukura byose kandi kikaba cyarangije guhindura byose bityo Muntu agahabwa imbaraga nyinshi kandi agahabwa ububasha bukomeye bumurinda bumugenga kandi bumuyobora igihe cyose kuko aba ari mu mbaraga z’ububasha bw’Imana kandi agahora iteka ari muri ubwo burinzi bukomeye bukomoka mu Mana.

Ni ikibatsi rero gihindura kandi ni ikibatsi gisukura kirema byose kandi kigamburuza imbaraga z’umwanzi kuri Mwene Muntu. Ni ikibatsi rero kitigera gitsindwa ku wemeye kucyakira kandi ku wabaye maso kuko Uhoraho afungura byose kandi akayobora byose bityo kigatsindira Mwene Muntu kandi kigatsindira n’imbaga y’abemera mu buryo bw’agatangaza. Ni ikibatsi rero cy’urukundo rw’Imana kandi ni ikibatsi cy’ubwiyoroshye n’ubwicishe bugufi mu migenzo myiza yose

y'Uhoraho agabira Muntu kuko ikibatsi kitenyegezwa byose birangwamo kandi bisangwamo bityo Muntu wemeye kwakira kandi wemeye gutega ibiganza agahabwa ku buntu kandi agahabwa imbaraga zimukomeza zikamuha umusabano ukomeye muri Uhoraho kandi zikamuha kuyoborwa n'urukundo rw'Imana igihe cyose. Ni ikibatsi rero cy'imbaraga kandi ni ikibatsi cy'ububasha muri byose mu kubaka mu kurema mu gukiza kandi mu gutunga Mwene Muntu kuko aba abeshejweho nacyo aba atagikeneye undi mugati kandi aba atagikeneye irindi jambo ridaturutse mu kanwa k'Uhoraho.

Niyo mpamvu rero ari ikibatsi kibiba ubuzima kandi kikagarura ubuzima muri Mwene Muntu kuko kigaragaza intsinzi yose y'ububasha bw'Imana kandi kikagaragaza itegeko nyamukuru ry'Uhoraho mu kurema byose kandi mu kubeshaho byose. Ni ikibatsi rero kigomba kugendana n'ububasha bwose bw'imana kuko ari ho butuye kandi ari ho buganje mu gutsindira Isi kandi mu gutsindira Mwene Muntu kugira ngo abone urukundo rw'Imana.

Ni imbaraga rero zigomba kugaragarira muri cyo kandi ni ububasha bw'Imana bugomba kugaragarizwa muri cyo kuko ari ikibatsi cy'ubuzima kandi akaba ari ikibatsi gihindura byose kikambika Mwene Muntu umwambaro mushya kandi kikamwinjiza mu musabano n'ububengerane bw'Imana mu buzima bwe bwose kandi mu mibereho ye yose kuko ari ikibatsi kirinda Muntu gusubira inyuma ahubwo kigahora iteka kimwenyegeza kandi kimuganisha imbere Mwene Muntu yinjira muri cyo kandi asabana n'ububasha bwacyo igihe cyose.

Ni ikibatsi rero kigarura ubuzima kandi ni ikibatsi gitanga imibereho mishya ndetse n'urukundo muri Mwene Muntu kuko Uhoraho aba amaze kwishimira imigenzereze kandi aba amaze kwishimira urukundo rwa Mwene Muntu kuko aba ari ku isoko y'ubwo bubasha bwose bw'Imana kandi Mwene Muntu akaba aba yahagaritswe ku rukundo rw'Imana kugira ngo avomererwe narwo kandi yuhirwe narwo bityo agahabwa imbaraga kandi agahabwa ubuzima bushya ndetse n'ububasha bukomeye mu Mana isumba byose.

Ni ikibatsi rero cyubaka kandi ni ikibatsi gihindura byose kikambika ubwiza bw'Imana kandi kikambika ububasha bw'Imana ku wuri muri cyo kandi ku cyambaye kuko ntacyo aba akikanga kandi ntacyo agitinya kuko aba azi ko Uhoraho ari kumwe na we amuhagarikiye kandi amurinda igihe cyose. Ni ikibatsi rero gitagatifuza kandi kigahindura byose bityo kikigaragarizamo ububasha bw'Imana isumba byose kandi kikoherezwa ku bari maso kandi bemeye kwakira kuko kibaronsa imbaraga zikomeye kandi kikabaha kuyoboka Imana mu kwemera urukundo n'ukwizera.

Ni ikibatsi rero kigomba kugaragazwa kandi kigomba kugaragarira Isi yose mu buryo bw'agatangaza kuko kigaragariramo imbaraga zose z'ububasha bw'Imana kuri buri kiremwa cyose kandi kikagarariramo ububasha bw'imbaraga z'Imana mu buryo bwo kurema kandi mu mbaraga zose Uhoraho yagiye akoresha kugira ngo agarure Mwene Muntu kandi amwereke urukundo rwe abinyujije mu nzira zitandukanye kugira ngo Muntu yumvire kandi yakire ububasha bw'Imana.

Niyo mpamvu rero gifite umumaro kuko kizarangiza byose kandi kigahindura byose kigahindura buri kimwe cyose ukundi kikagaragariramo ububasha bwose bw'Imana mu gukumira ndetse no mu guhagarika urwango ndetse n'imitego yose y'umwanzi aho iva ikagera kandi n'aho yagiye yibasira Mwene Muntu akirengagiza ubwo bubasha bw'Imana kandi akirengagiza urwo rukundo rw'Imana kuko ikibatsi kitenyegezwa kizagarura byose kandi kikongera kusubiza ku murongo byose bityo umumaro wacyo ukazagaragarira mu bikorwa bifatika kandi ukazagaragarira mu mibereho Mwene Muntu agomba kwinjizwamo kandi agomba kubaho mu buryo kandi mu bubasha bwose bw'Imana kuko Muntu ari gukurirwaho kwigenga kandi yakuriweho ubwigenge bwe kugira ngo yemere kugengwa n'urukundo kandi yemere kugengwa n'ibyishimo ndetse n'imisusire y'Uhoraho.

Ni igihe rero cyo kugira ngo umumaro w'icyo kibatsi kitenyegezwa wigaragaze kandi ugaragarire Mwene Muntu mu bikorwa bikomeye kandi mu bikorwa bizagaragariramo ububasha bukomeye bw'Imana budasaba umuganda kandi budasaba uruhushya ngo bukore cyangwa ngo bwigaragaze.

Ni imbaraga rero zikomeye z'igitinyiro cy'Imana kandi ni imbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana bukubiyemo ububasha bwose Imana yahangishije byose kandi bukubiyemo igitinyiro cy'Imana mu biremwa byose kuko Uhoraho nta kiremwa na kimwe adafiteho ijambo kandi nta kiremwa na kimwe adafiteho uruhare kuko byose yabihanze mu rumuri rwe kandi akabihanga mu byishimo n'urukundo kugira ngo buri

kiremwa cyose kizihirwe muri we kandi nawe yizihize buri kiremwa cyose mu rukundo rwe.

Ni igihe rero kigeze kugira ngo umumaro w'imbaraga z'ikibatsi kitenyegezwa muri Uhoraho ugaragarire buri wese kugira ngo asobanukirwe n'urukundo rwo kurema kandi urukundo Uhoraho yaremesheje buri kintu cyose kiri mu Isi kandi buri kiremwa cyose uko cyaremwe n'urukundo rwe kandi kigatangazwa n'urukundo rwe.

Ni ikibatsi rero kitanyeganyezwa kandi ni ikibatsi kitavogerwa kuko kigomba kugarariramo imirimo yacyo kandi kikagaragariramo ububasha bwacyo bukomeye mu Isi hose. Ni imbaraga rero kandi ni ububasha bukomeye bw'Imana kuko bwose bukubiye muri cyo kandi bukubiye mu mbaraga zigomba gutambuka muri icyo kibatsi kitenyegezwa kuko urukundo rw'Imana ari rugari kandi urukundo rw'Imana rukaba rutagira igipimo kandi urukundo rw'Imana rukaba rwigaragariza bose Uhoraho akaba ari we urutangaza kandi akarugaragariza Mwene Muntu.

Ni ikibatsi rero cy'ubumenyi kandi ni ikibatsi cy'urukundo ni ikibatsi cy'ubumwe bw'abana b'Imana kuko ari ikibatsi kigaragara muri byose kandi gihetse byose kandi gikubiyemo imbaraga zose z'ububasha Imana idahwema kohereza mu Isi kandi idahwema kohereza kuri Mwene Muntu mu buryo butandukanye kandi mu mikorere itandukanye ariko akaba ari ikibatsi gishyiraho inzira imwe kandi gishyiraho amarembo amwe agana mu Ijuru kandi agana ku rukundo rw'Imana kuri buri wese kuko buri wese ari uw'Uhoraho kandi buri wese

akaba akomoka mu rukundo rw'Imana. Ni ikibatsi rero cy'ubumwe kandi ni ikibatsi cy'imbaraga n'ububasha by'Imana mu Isi hose.

## UMWANZURO

Ikibatsi kitenyegezwa ni ububasha nyamukuru bw'Imana Data kandi ni igitinyiro cy'Imana Data mu buremyi kandi mu bugenga ndetse n'ubuyobozi bwayo kuri buri kiremwa muntu cyose kuko nta na kimwe kitahanzwe mu rukundo rw'Imana kandi nta na kimwe kitahanzwe mu bubasha bw'Imana. Ni ikibatsi rero cy'imbaraga kandi ni ikibatsi gitangaza ububasha bwose bw'Imana kuri buri kiremwa kuko Uhoraho afite ijambo mu kiremwa cyose kandi Uhoraho afite ijambo rya nyuma kandi n'iry'ibanze kuri buri kiremwa kuko yahanze byose kandi akaba azi n'iherezo rya buri kimwe cyose.

Ikibatsi rero kitenyegezwa kigaragariramo urukundo rw'Imana kandi kikagaragariramo ububasha bwose bw'Imana mu kuyobora Isi kandi mu kuyobora ibyaremwe byose yaba mu Ijuru ndetse no Munsi kuko byose bituye mu kibatsi cy'Uhoraho kandi mu kibatsi gihoraho muri Uhoraho kuko Uhoraho ari urumuri rutazima kandi uhoraho akaba ari ububasha budakumirwa kandi ububasha budahinyuka ububasha butavogerwa. Niyo mpamvu rero ikibatsi cye kigomba kuganza mu be kandi kikaganza kuri buri kiremwa cyose kuko ari ikibatsi cyisanzuye kandi ikibatsi gisukura kikarema byose mu rukundo rw'Uhoraho. Ni igihe rero cyo kugira ngo icyo kibatsi gihindure byose kandi cyubake amateka akomeye mu buzima bwa Mwene Muntu kuko Muntu yaranzwe no guhora iteka agenda uruhanga rwe rutagaragarira Uhoraho kandi uruhanga rwe rugenda ruhunga kuri Uhoraho bityo Muntu akumva ko Uhoraho ari we wamwihungije kandi

Uhoraho ari we wagiye kure ye ahubwo ari ukubera kuyobagurika kwa Muntu kandi ugutandukira kwa Mwene Muntu.

Ni ikibatsi rero kigomba gusubiranya byose kandi kikereka Mwene Muntu inzira kandi kikamwereka aho akwiriye kunyura kugira ngo abashe guhura n'ubumenyi bw'Uhoraho kandi abashe guhura n'urukundo rw'Imana imufitiye mu buzima bwa Mwene Muntu bwose. Ni ikibatsi rero kigomba guhuza bose kandi kikubaka imbaraga zikomeye kikavugurura byose mu Isi kandi kigahindura byose kigatera hejuru bityo ububasha bw'Imana bukigaragaza kandi intsinzi ikomeye y'Uhoraho ikagaragarira umuryango we kandi ikagaragarira abemeye Uhoraho bakamuyoboka kandi bakakira imbaraga ze n'ububasha bwe. Ni ikibatsi rero kirangiza byose kandi ni ikibatsi cyatangije byose mu bubasha bw'Imana akaba ari intangiriro n'iherezo bya byose muri Mwene Muntu kuko buri kiremwa cyose kandi intangiriro ya Mwene Muntu ituruka mu rumuri rw'Uhoraho kandi mu kibatsi cy'Uhoraho cyaremye byose kandi cyatangaje byose mu Isi akaba ari nayo mpamvu iherezo igomba kuba ikibatsi kitenyegezwa muri Mwene Muntu kandi gikomoka muri Uhoraho kugira ngo Uhoraho agaragaze intsinzi ye kandi Uhoraho agaragaze ibikorwa bye n'imirimo ikomeye kuri Mwene Muntu.

Ni ikibatsi rero kitavogerwa kandi ni ikibatsi kizagaragaza ububasha bwacyo mu Isi hose kandi kikagaragaza gukomera kw'Imana ndetse n'ububasha bwose bw'Imana mu kurema no guhindura byose ibigirira urukundo rwayo. Ni ikibatsi rero kigomba kubeshaho Muntu kandi kikamufasha kwisanisha

n'urukundo rw'Imana kikamufasha kuyoboka Uhoraho kandi kumukorera igihe cyose no kugendera mu nzira ze uko bikwiriye nta kubogama kandi nta gutandukira kuko ari ikibatsi kigomba guhanagura umwanda wose kandi kigahanagura ubuhemu bwa Mwene Muntu bityo Muntu akabaho mu rukundo kandi akabaho mu byishimo n'amahoro by'Uhoraho nta kimuziga nta kimubereye imbogamizi kandi nta kimubereye inzitizi mu kuyoboka Uhoraho no kumugana. Ni ikibatsi rero kigomba gutsinda byose kandi kigatsindagira ububasha bw'Imana-muremyi mu kiremwa cyose kandi mu Isi hose bityo ububasha bw'Imana bukigaragaza kandi bukamenyekana kuri buri kiremwa cyose. Uhoraho rero azatsindisha ijambo rye kandi azatsindisha urumuri rwe umwijima w'Isi ubuditse kuko urumuri rwe ruzamurikira byose bityo ibiri mu mwijima bikihishura kandi bikajya ku mugaragaro maze ibiri mu rumuri bigakomeza kwakirana kandi bikongererwa imbaraga bityo ugutsinda k'Uhoraho kukigaragaza kandi ikibatsi cye kigatwika byose kikarangiza byose kuko umwanda iyo uwunyujije mu muriro ushya ugakongoka. Ni igihe rero cyo kugira ngo ikibatsi cy'Uhoraho kigaragaze kandi kigaragarire Isi yose gicanirwe buri wese uri mu Isi bityo amenye urukundo rw'Imana kandi amenye ubutabazi bw'Uhoraho ko yifuriza buri wese ubugingo kandi yifuriza buri kiremwa cye cyose yaremye kuko yakiremeye mu rukundo n'ibyishimo kugira ngo kibeho muri uwo munezero kandi giture muri ibyo byishimo kitivanze n'ikibi cy'umwanzi.

Ni igihe rero cyo kugira ngo ikibatsi ikibatsi kitenyegezwa gitangazwe kandi kimenyekane mu Isi mu buryo bw'imbaraga

kandi mu buryo burangiza byose bugahindura byose mu Isi maze ububasha bw'Imana bugatsinda kandi ikibatsi cy'Uhoraho kigasubiranya byose kandi kigakusanyiriza byose muri Uhoraho kugira ngo urwo rumuri rwe rumurikire Isi yose kandi rumurikire abazemera gutwaranira izina ry'Uhoraho kandi bemera kubaho mu rukundo rw'Imana kuko ari bo bazabona imbaraga zacyo kandi n'ababihakana bakabihinyura ntibazabura kubona kandi no kumenya ko ububasha bw'Uhoraho bukora kandi bugaragaza imbaraga zikomeye kuri buri wese uri mu Isi kandi ku kiremwa cyose cyahanzwe n'Uhoraho ko kigomba kumva izo mbaraga kandi kikumva uburemere bw'ikibatsi kitenyegezwa kandi ikibatsi gihoraho cy'Uhoraho mu buzima bwa Mwene Muntu no mu mibereho y'ibyaremwe byose.

Amahoro, amahoro! Ibihe byiza kugubwa neza ntore z'Imana. Turi abahamya b'ububasha bw'Imana mu bantu kandi turi abahamya b'urukundo rw'Imana mu bantu ko twabonye urukundo rw'Imana kandi tukamenya ibyiza by'Uhoraho urukundo urugwiro afitiye Mwene Muntu n'ubwo arwihunza kandi akirengagiza urwo rukundo rw'Imana ariko twaje guhamya kandi twaje gutangaza iby'urumuri rw'Imana isumba byose kandi iby'ububasha bw'imana ihoraho ko bigomba kugaragarira abahinyura kandi abashaka gukora Uhoraho mu jisho kandi abashaka kumushotora ko batazananirwa kumenya ububasha bwe kandi batazananirwa kwakira imbaraga z'ibikorwa bye mu Isi kandi ibikorwa bye kuri buri kiremwa cyose yahanze.

Amahoro, amahoro! Ibihe byiza kugubwa neza ntore z'Imana. Ndabashyigikiye kandi ndi umurinzi w'ibikorwa by'Uhoraho mu Isi hose kugira ngo bigerweho kandi umuriro w'urukundo ukomeze kugaraga mu Isi hose kandi ukomeze kumenyekana mu bubasha bwe kuko duhari kugira ngo turinde ibikorwa bye kandi turinde ububasha bwe mu bantu kugira ngo bwumvikane kandi bwakirwe bityo Mwene Muntu abone imbaraga zimurema kandi yiyumvemo imbaraga zimuhindura kugira ngo ahindukirire uwamuhanze kandi ahindukirire ububasha bw'Imana yo itegeka kandi igahindura byose kuko imbaraga z'Uhoraho zitazatsindwa kandi ububasha bwe butazigera bunanirwa gukora icyo bugomba gukora kandi butazigera bunanirwa kwitangariza Mwene Muntu ku mugaragaro ndetse no mu bikorwa bigaragara kuko Uhoraho ububasha bwe buzigaragaza kandi bugahindura byose kuri buri kiremwa Uhoraho yahanze.

AMAHORO, AMAHORO! IBIHE BYIZA KUGUBWA NEZA, NDI MUTAGATIFU YOZEFU. AMAHORO, AMAHORO, NTORE Z'IMANA!